Twahawe Umwepiskopi mushya: Yanakiriye inkoni y'Ubushumba

Dushimiye Imana yahaye Diyosezi ya Nyundo Umwepiskopi mushya Nyiricyubahiro Myr Anaclet MWUMVANEZA.

Muri iyi nyandiko ndibanda kuri Liturujiya no ku gisobanuro cy'Ubutumwa bw'umwepiskopi. Kuri uyu **wa gatandatu, tariki ya 21/05/2016** ku Nyundo hatangiwe Ubwepiskopi. Imbaga y'abakristu yari yakubise yuzuye, ikikije abepiskopi ba kiliziya yo mu Rwanda n'abaturutse mu bindi bihugu. Abapadiri benshi ndetse n'abadiyakoni bitabiriye icyo gikorwa gitagatifu.

Misa yayobowe na **Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE**, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ucyuye igihe kubera izabukuru. Ni na we kandi wayoboye imihango nyirizina y'itangwa ry'ubwepiskopi afatanyije na Myr Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Butare akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Yafatanyije kandi na Myr Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Kabgayi.

Amasomo matagatifu yazirikanyweho mu Misa : Isomo rya 1: Ez 34, 23-31. Isomo rya 2: Ef 4, 1-7; 11-13; Ivanjili: Yoh 10, 11-16.

Nyuma yo gutangaza Ijambo ry'Imana, umwe mu biganye na Anaclet watorewe kuba Umwepiskopi wa Nyundo, yamusabiye guhabwa Ubwepiskopi. Kiliziya irashishoza. Ni yo mpamvu, Myr Alexis yasabye urwandiko-cyemezo ndakuka rwa Papa kugira ngo arushingireho amuha ubwo butumwa mu izina rya Kiliziya. Musenyeri uhagarariye Papa mu Rwanda yari yitwaje urwo rwandiko. Abajyanama b'Umwepiskopi (les consulteurs) barangajwe imbere n'umunyamabanga akaba n'umunyamategeko wa Diyosezi ya Nyundo (chancellier) bagenzuye umwimerere n'ubuziranenge by'iyo baruwa, basanga koko ari Nyirubutungane Papa Fransisko ubwe warusinye. Urwandiko rwasomewe abari aho bose mu Kilatini no mu Kinyarwanda.

Urwo rwandiko ruhatse iki ?

Muri iyo baruwa, Papa Fransisko atangira aha umugisha wa gitumwa kandi wa Gishumba Padiri Anaclet Mwumvaneza, Imana yatoreye Ubwepiskopi. Papa yashimiye muri rwo uwo yise **umuvandimwe we Musenyeri Alexis HABIYAMBERE**, umwepiskopi wa Nyundo ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru. Papa asobanura ko atoreye Anaclet ubwepiskopi kubera yamubonyemo ubwitonzi, ubushishozi, ukwemera ndetse n'ubuzobere mu ikenurabushyo no mu mategeko ya Kiliziya. Ku bw'ibyo amutoreye kuba Umwepiskopi wa Nyundo kandi amuhaye uburenganzira bwose n'inshingano bijyana n'ubwo butumwa. Yatanze uburengaznira ko Umwepiskopi wese utuye hanze ya Roma ariko akaba ari mu bumwe bwa Kiliziya yaha Anaclet uwo murimo w'Ubwepiskopi Papa amutoreye. Ni byo byabaye rero kuri uyu wa gatandatu tariki ya 21/05/16.

Papa yaboneyeho gushishikariza Abapadiri, abadiyakoni n'abakristu bose kwakirana ibyishimo Umwepiskopi mushya wa Nyundo no kunga ubumwe nawe. Yamusabiye ubukungahare bw'ingabire za Roho Mutagatifu. Amusaba guhora abuganiza mu buzima bw'abemera Ivanjili y'Umukiro utangwa na Kristu. Mu gusoza iyi baruwa yashyizeho umukono tariki ya 11/03/2016, Papa yifurije umwepiskopi mushya, abapadiri be n'abakristu bose guhorana ingabire n'amahoro by'Imana.

Twibutse ko ubu butore, buhuriranye n'umwaka wa Yubile y'impuhwe z'Imana. Byongeye Papa Fransisko atoreye Anaclet ubwepiskopi azirikana ko ari mu mwaka wa gatatu w'ubutumwa bwe nk'Umusimbura wa Petero Intumwa.

Nyuma y'iyi baruwa, yo cyemezo ntakuka ko Anaclet atowe n'Imana na Kiliziya kuba Umushumba wa Nyundo, Myr Alexis wayoboye imihango yatanze inyigisho irambuye isobanura imiterere y'umurimo w'Ubwepiskopi.

Inshamake y'inyigisho :

Igice cya mbere cy'inyigisho kibanze cyane cyane ku mbaga y'abemera, abapadiri n'abadiyakoni Anaclet atorewe kubera umushumba n'umubyeyi.

Myr Alexis mu nyigisho ye, yasabye ko abantu bose babona Kristu ubwe mu Mwepiskopi ukikijwe n'abapadiri n'abadiyakoni. Kristu ubwe yifashisha umurimo wa Kibyeyi w'ubwepiskopi akayobora imbaga y'abemera mu ihirwe ry'ijuru. Abantu bose bagomba kumwubaha no kumufata nk'umugaragu wa Kristu akaba ndetse umugabuzi w'amabanga y'Imana. Ibi si ibyo Kiliziya ihimba : Kristu ubwe yabitanzemo itegeko agira ati: ***Ubumva ninjye aba yumva, ubahinyura ninjye aba ahinyuye*** (soma Mt 10, 40; Jn 5,23; 13,20).

Igice cya kabiri cy'inyigisho cyabwiraga cyane cyane Uwatoreye Ubwepiskopi. Yabwiwe ko Ubwepiskopi atari icyubahiro, amakuzo n'ishema nk'ibyo iyi si iharanira ikabishukisha abantu. Ubwepiskopi ni ubutumwa. Ubuhawe agomba guharanira kuba ingirakamaro n'umugabuzi cyangwa umuhereza aho kuba umutware. Agomba kwitangira bose no guhuriza bose mu bumwe bw'abana b'Imana byose akabikora yihatira kuba «muto», umuntu wicisha bugufi. Agomba kuba umuntu w'Imana kandi isengesho rikagenga ubuzima bwe. Agomba kuronkera Kristu ingabire z'amoko menshi. Agomba kuba umuyobozi n'umushumba ugaburira abantu bose ubuzima bwa Kristu. Agomba gukunda bose nta vangura. By'umwihariko mu bapadiri be n'abadiyakoni agomba kuba no kwitwara

nk'umubyeyi n'umuvandimwe wabo. Agomba gutega amatwi abantu bose cyane cyane abakene, abababaye, indushyi ndetse akitanga kugera aho agera no kuri ba bandi batari neza mu gikumba cya Kristu. Agomba kunga ubumwe n'urugaga rw'abepiskopi kandi akumvira Papa, umusimbura wa Petero.

Izi nshingo zirakomeye. Niyo mpamvu ari inshingano ku bakristu bose gusabira abashumba babo.

Anaclet amaze gucengerwa n'inyigisho yasezeranye. Yasezeranye iki ?

- Yasezeranye n'Imana muri Kiliziya ko azakomeza ukwemera kandi akagukomezamo abo abereye umushumba. Yiyemeje kurangiza neza umurimo w'ubwepiskopi yatorewe kandi akawukomeza adasobanyije na gato n'Ivanjili n'inyigisho z'uruhererekane ruturuka ku Ntumwa rugakomeza kubaho muri Kiliziya n'ahandi hose.
- Yasezeranye kurinda inganzo y'ukwemera yunze ubumwe n'urugaga rwose rw'abepiskopi na Papa, Umusimbura wa Petero Intumwa.
- Yasezeranye kuba Umubyeyi n'Umuvandimwe w'abapadiri n'abadiyakoni
- Yasezeranye kwakira abantu bose no kubitangira abashyikiriza inkuru nziza ya Kristu.

Iri zerano yiyemeje nta gahato ni ryo ryatumye ahabwa koko ubutumwa bw'ubwepiskopi.

Umuhango ryirizina w'itangwa ry'ubwepiskopi

Igikorwa cy'ingenzi cy'itangwa ry'ubwepiskopi cyaranzwe no **kuramburira ibiganza** ku wabutorewe bikozwe na Myr Alexis afatanyije na Myr Filipo na Myr Smaragde. Abepiskopi bose bari aho bambaye imyambaro ya liturujiya ibaranga nabo bamuramburiyeho ibiganza kandi bose bucece, ntacyo bavuga. Maze Abepiskopi bahetuye mu kumuramburiraho ibiganza, niho bakikije uwatowe, bakomeza kurambura ibiganza, uwayoboye icyo gikorwa avuga **isengesho ry'iyeguriramana ryarangiye uwari Padiri Anaclet abaye Musenyeri, Umwepiskopi Anaclet.**

Anaclet yavugiweho isengesho ry'Iyeguriramana mu gihe kandi, abadiyakoni babiri bari bafatiye ku mutwe we Igitabo cy'Amavanjili. Ibi bivuga ko agomba guca bugufi imbere y'Ijambo ry'Imana. Ntasumba Ivanjili. Ntagomba kwiyumva hejuru yayo. Ari munsi yayo kandi agomba kuyigisha hose na bose nta buhemu kandi mu bwiyoroshye.

Musenyeri Anaclet yasizwe **amavuta ya Krisma mu mutwe** asenderezwa ingabire za Roho Mutagatifu kugira ngo azabashe gutagatifuza abemera ku buryo busendereye.

Yahawe **Igitabo cy'Amavanjili**: ni ikimenyetso cy'uko agomba kwamamaza Ivanjili ya Kristu ubutarambirwa, ajijura, kandi arangwa n'ishyaka.

Yambitswe impeta: Ni ikimenyetso cy'igihango yagiranye na Kristu. Impeta y'umwepiskopi ishushanya ubudahemuka n'ukwemera bizira agatotsi bigomba kumuranga mu kuyobora neza Kiliziya Umwari w'Imana. Ku bw'iyo mpeta, agomba kuzirikana ko shinzwe buri gihe kunga ubumwe no kuvuga rumwe na Kristu.

Yambitswe ingofero ya gishumba: Ni ikimenyetso cy'uko agomba kwihatira guhora arabagirana ubutungane akayobora mu bwitange umuryango w'Imana adatinya imivumbi, imvura, imiyaga n'imihengeri y'ubu buzima maze yabyuzuza neza, Kristu akazamugororera ikamba ridacuya ry'ikuzo.

Yambitswe umusaraba wa Kristu wo shema ry'abakristu. Agomba gukura ibyishimo, ishema n'umutsindo mu musaraba wa Kristu wo wamanitsweho agakiza k'isi yose.

Yahawe inkoni ya gishumba : Ni ikimenyetso cy'umurimo w'ubushumba ahawe. Asabwe kwita ku bushyo bwose bw'Imana aragijwe.

Nyuma y'iki gikorwa nyamukuru, umwepiskopi mushya, Myr Anaclet, yicaye ku Ntebe ye maze abapadiri bose n'abadiyakoni ba Nyundo baza kumuyoboka. Ni ikimenyetso cyiza kibutsa abapadiri n'abadiyakoni ko basezeranye bidasubirwaho kumvira no kubaha umwepiskopi wabo n'abazamusimbura bose.

Myr Anaclet, Umwepiskopi mushya wa Nyundo **yahise atangira ubutumwa bwe** atambagira aha umugisha abari aho bose ari nako anabiyereka. Abari aho bose barushijeho kumubona neza abegereye, abaha umugisha, dore ko mbere y'aho imbaga itari nto, yamuboneraga kure ku mashusho yerekanwaga n'ibikoresho-nsakazamashusho byegerejwe imbaga yari mu Misa ariko yitaruye gato alitari.

Mu gusoza nakwibutsa ko Diyosezi ya Nyundo igizwe na paruwasi 24. Ni Diyosezi y'ikigugu imaze imyaka 64 ishinzwe. Abafashe ijambo bose bashimiye ku buryo bukomeye Myr Alexis HABIYAMBERE wazamuye mu mpande zose Diyosezi ya Nyundo, banifuriza ikaze Umwepiskopi

mushya Anaclet. Mu minsi itaha tuzagenda dusesengura amwe mu magambo nyamukuru yahavugiwe nk'iryavuzwe na Myr Alexis HABIYAMBERE, Umwepiskopi wa Nyundo ucyuye igihe, ndetse n'iryavuzwe n'Umushumba mushya, Myr Anaclet MWUMVANEZA. Nitubona akanya, tuzanacukumbura igisobanuro cy'izina rishya Myr Alexis yahawe: Évêque émerite et Père du Diocèse de Nyundo (**Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba uri mu kiruhuko cy'izabukuru n'*Umubyeyi* wa Diyosezi ya Nyundo**).

Mu mvugo isanzwe ya Kiliziya twari tumenyereye Évêque émérite. Kuri Myr Anaclet, Nyiricyubahiro Alexis ntibihagije ko yahabwa ishema ryo kwitwa gusa *Umushumba uri mu kiruhuko cy'izabukuru,* ahubwo abazirikana aho yabakuye n'aho abagejeje, bajye banongeraho ko ari ***Umubyeyi wa Nyundo***. Iri jambo rirakomeye kuko ryavuzwe n'Umushumba, kandi akarivugira mu muhango mutagatifu. ***Tuzareba icyo Myr Anaclet yashatse kuvuga ndetse tuzahera aho tureba ibyiza duhishiwe n'ubutumwa bwe nk'umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.***



Byegeranyijwe na Padiri Théophile NIYONSENGA

Umupadiri wa Diyosezi ya NYUNDO, mu butumwa i Madrid/ Espagne, ku wa 21/05/16.